UMUTI WAWE: Simvastatin miligarama____

Kuki nahawe uyu muti? Ufite kolesterolo nyinshi. Kolesterolo nyinshi yatera akaga iramutse itavuwe. Ishobora gutera guturika k'udutsi two mu bwonko no guhagarara k'umutima. Ushobora gupfa uzize kugira kolesterolo nyinshi itaravuwe.

Fata ikinini 1 ugiye kuryama buri munsi. Si ngombwa kurya mbere yo gufata iki kinini.

Ni iki nziyumvamo mu gihe mfata uyu muti? Rimwe na rimwe haba ingaruka ziturutse kuri uyu muti. Ingaruka ni ikintu kidasanzwe ushobora kwiyumvaho. Zimwe mu ngaruka ziterwa no gufata Simvastatin ziza mu gihe umubiri wawe ugenda umenyera uyu muti zishobora kuba kuribwa umutwe, iseseme, kuribwa mu nda, impatwe cyandwa ibimenyetso by'ibicurane nko gufungana cyangwa kubabara mu muhogo.

Niba ufite uburibwe bw'imitsi budasobanutse, cyangwa gucika intege n'umuriro kumva unaniwe cyane, kandi ufite inkari zijimye, shaka uko ubonana na muganga ako kanya.

Zimwe mu ngaruka ntiziba kenshi ariko zishobora kugira ubukana buhanitse. **Hamagara 911 cyangwa wihutire kujya mu cyumba cyita ku ndembe nugira: gufurutwa, kubyimba isura, iminwa, ururimi cyangwa inkanka; ugorwa no guhumeka cyangwa ubura umwuka.**

Ni iki kindi namenya?

1. Ugomba gufata uyu muti buri munsi n'ubwo waba wumva umeze neza.
2. Ugomba kongera guhabwa uyu muti buri kwezi.
3. Nywa amazi menshi.
4. Ntunywe inzoga.
5. Nturye imizabibu, umutobe w'imizabibu cyangwa ikindi cyose gikomoka ku mizabibu.
6. Ntufate uyu muti niba ufite uburwayi bw'umwijima.
7. **Nusama,** hita uhagarika gufata uyu muti. Subira kuri Grace Village Medical Clinic uhure na muganga kugira ngo tugushakire undi muti wafata.
8. Ababyeyi babyaye vuba **ntibashobora konsa impinja zabo mu gihe banywa uyu muti.**
9. Nujya ku wundi muganga, irindi vuriro cyangwa icyumba cyita ku ndembe, ugomba kubabwira ko ufite kolesterolo nyinshi kandi ko ufata Simvastatin.

Ibikubiye mu makuru ajyanye n'ubuzima aboneka kuri uru rubuga bigamije kumenyesha gusa, ntibigomba gufatwa nk'inama zihamye za muganga. Igihe ufite ibibazo bijyanye n'ubuzima cyangwa ubuvuzi, jya ubaza muganga wawe cyangwa undi muntu wahuguriwe gutanga servisi z'ubuvuzi wemewe.